

# Bimwe mu mibeereho n'imigani mu Rufumbira



Rufumbira

Local story book



# **Bimwe mu mibeereho n'imigani mu Rufumbira**

## **Some Stories and Proverbs in Rufumbira**

Written and edited by:

Kalimwabo Victor (Rev'd), Tumwizere Richard, Ndinimana  
Steven, Rtd Bishop Nkiriyehe Cranmer, Pr. Haler'Imana  
Venant

January, 2011  
Trial Edition  
(Trial Orthography)  
50 copies

Rufumbira

ISBN

© Kisoro District Language Board  
P.O.Box 123  
Kisoro, Uganda  
*with*  
© SIL Uganda  
PO Box 750  
Entebbe, Uganda

## **Announcement**

These stories and proverbs have been written in the Rufumbira language for the purpose of testing the orthography (writing system). This book was produced in an Orthography Development Writer's Workshop conducted in January, 2011 at African Bible University sponsored by SIL Uganda and The Seed Company (Luke Partnership Project). Please give your feedback on the orthography to: Kisoro District Language Board, Chairman, P.O.Box 123, Kisoro

The bafumbira people live in the Kisoro District of Uganda. Their primary occupation is mixed farming. They total about 350,000 people in number.

## **Ijambo ry'ibanze**

Abafumbira batuuye mu District ya Kisoro muri Uganda. Umurimo waabo mukuru ubabeeshaho n'Ubuhinzi-Bworozi. Umubare w'Abafumbira boose ni nka 350,000.

Uyu mugani wanditswe mu Rufumbira kubwo kwitooza imyandikire y'ururimi (orthography). Aka gatabo kanditswe mu gihe cy'ihugurwa ry'Abanditsi ryabaayeho mu kwezi kwa mbere, 2011 mu African Bible University. Iri hugurwa ryari rifashijwe na SIL Uganda ifatanije na The Seed Company (Luke Partnership Project). Murasabwa gutanga inaama kumyandikire y'ururimi bicyiye kuri Chairman wa Kisoro District Language Board, P.O.Box 123, Kisoro.

## N'izibika Zaari Amagi

Haari umugabo umwe wo mu kareere kitwa Mirombero kandi izina yitwaga Ntibakenga. Uyu mugabo yakundaga guhora asinze urwagwa. Umugore wuuyu mugabo yitwaga Nyirabwenge. Ntibakenga yari umuraara nkeera, Nyirabwenge niwe wari ameze nka nyir'urugo. Mu yindi mvugo, uyu mugore yakoraga imirimo y'umugabo yaagakoze agakora niye. Uyu mugore yahoranaga amaganya avuga atya ati, "Njye ndi umugore wiitwika, nkiirera kandi nkiibyaza." (Byumvikana ngo umugore wiireeberera.) Ubundi akavuga ati, "Ndi umugore kigabo."

Nyuma y'igihe Nyirabwenge asama inda. Nuubwo uyu mugore yari afite iyi mitwano (inda), yakomejye gukora imirimo yose nkuuko yari asanzwe ayikora. Muri icyo gihe, yumvaga ashaaka kurya cyane no gufashwa mu mirimo. Namwe murabiizi uko abagore batwite baba bifuza gufashwa ariko umugabo we Ntibakenga ntiyabirebaga. Igihe ko cyegeereje cyo kubyara Nyirabwenge imbaraga zaamushizemo arananiye. Rimwe na rimwe uyu mubyeyi yajyaga abwirirwa ubundi hakaba nuubwo aburaaye. Nyuma y'igihe Nyirabwenge yaajye kudara asigaza inda gusa.

Igihe cyo kubyara kigeze, abyara umwana w'umuhungu (Rwubaka). Nyirabwenge yiita uwo mwana we izina Man'Iratuuzi. Nyuma y'igihe cy'ameezi abiri, Man'Iratuuzi ararwara aragondooka (kudara). Buri gihe ubwo Ntibakenga yataahuukaga avuuye ku bbaara, yatukaga umugore we avuga ati, "Uyu mwana mureke afe kuko atubaza amahoro iyo araara arira!" Ntibakenga yahoraga ababaza Nyirabwenge amuhora kurira kwa Man'Iratuuzi. Agera n'igihe cyo kumugiira inaama avuga atya ati, "Uzaagafate ku gahogo maze ushwiriize!" (umwice).

Ubwo Ntibakenga yavuze ku byo guhutora, Nyirabwenge yaramubijye ati, “Uwiishe ababi yamaze abeeza.” Arongera aramubwira ati, “Niizibika zaari amagi.” Amuciira n’umugani wa gatatu avuga ati, “Bagarira yoose kuko utaaazi irizaarumba n’irizeera.” Nyirabwenge aguma afite impuhwe za kibyeyi abungana umwana we amujyana ku bavuuzi. Kuko Nyirabwenge ataacoogoye kuvuuzi umwana we, nyuma y’igihe umwana we yaajye kugira ubuzima bwiza arakura.

Amaze kuba uwo kujya ku ishuule, Nyirabwenge amujyana mu ishuule ryari haafi aho. Umwana yiigana ingeso hamwe n’umwete, yuubaha ababyeyi hamwe n’abiigiisha. Kubwo kugira umwete n’ingeso, Man’Iratuuzi yabaaye umunyabwenge kandi nta mwana muri bagenzi be biiganaga wamuhigaga mu gutsinda.

Nyuma y’iminsi mike, Man’Iratuuzi abe arangijye amashuule abanza. Nyina amugiira inaama yo kureeberera neza udutaama baari bafite kugira ngo babone ifumbire. Iri fumbire baarikoreeshaga mu guhinga imboga zo Nyirabwenge yabonagamo isente. Nyuma y’igihe Man’Iratuuzi yagiiye mu mashuule yisumbuye kubw’izo sente. Kandi Nyirabwenge akomezamo umurimo wo guhinga imboga, aguriisha agatangirira umuhungu we.

Hashize igihe, Man’Iratuuzi arangiza urwandiko rwa mbere rw’ubwigiisha mu mashuule, arakora. Man’Iratuuzi mu kuba neza kwe, ntiyiigeze kwibagirwa ababyeyi be. Yakomejye kuubaana nabo no kubafashiisha ibyo yari afite akurikijye uko yari ashoboye. Man’Iratuuzi n’ababyeyi be boose, baratunga baratunganirwa.

Nyirabwenge yabaaye umubyeyi mwiza udaseesagura amagambo. Ibyo Ntibakenga yavuze kuri Man’Iratuuzi hamwe n’ibyo yamukoreraga nk’umugore we,

byose yabigize ibanga. Uyu mugore atwigiisha kwitonda, kubabarira, kuvuga make. Kubwo kugwa neeza kwe, n'umwana we yabaaye umugwaneza kandi yunguka n'amahoro. Ntibakenga ko yabireebye atyo nawe arihana aciika ku nzoga.

## Umupiira w'Ibireere

Jyeewe, namenye kubanga Umupiira w'ibireere nigishijwe n'abandi baana baari bakuru kuri jye na cyane mu gutangira ishuule. Abo baana bakundaga cyaane kujya babaanga imipiira turi nko mu karuhuuko k'igitondo, kandi k'umwaanya muto ku ishuule. Nuuko nanjye nkaguma mbiitegereza cyaane mu gihe baabangaga imipiira.

Byamfashije gusobanukirwa ibyifuuzwa mu kubanga Umupiira nuubwo nabaga ndi nnyenyine. Ikintu cya mbere namenye ko ibireere byifuuzwa, icya kabiri menya ko n'amaazi yifuuzwa yo kubobeeza ibireere byo gusooza.

Ko namaraga kuuzana ibireere nuuko nkarobanura mo ibikomere nkurikuje uburyo bwa byo narangiza nkaazana ya maazi nkayasuka kuri bya bireere bisambye, kugira ngo bibobeere. Ariko ibyo kuzingazinga ntabwo nabishiragamo amaazi, kugira ngo bitaazana uburemeere mu mupiira.

Ikintu niize Kandi cyamfashije, n'uko namenye ko gukomera k'umupiira w'ibireere kuuzanwa n'uburyo uwubanzemo. Iyo imigozi ibaaye myinshi mu gusooza, kandi ibobeejwe n'amaazi ndetse n'uburyo bw'ibireere ukoresheje byose, bituma umupiira umara igihe kireekire.

Umupiira w'ibireere ni mwiza, ntabwo ugurwa, ahubwo urabangwa.



## **Nasanze Ubuhinzi-Bworozi Ar'ingirakamaro**

Mu kubaho kw'umuntu mu bugingo bw'iyisi hariho byinshi akeneye kubona, ndetse bimwe mur'ibyo tukaba twabyita ibya ngombwa. Kimwe mur'ibyo byitwa ibyangombwa, akaba ar'ibyokurya bigomba kumutunga no kumuzaanira ubuzima bwiza.

Ibyokurya reero biva mu bintu abantu bahinga cyangwa se mu matungo boorora. Noone aho mariye gukura ndetse no gusaaza nabonye ko Ubutunzi-Bworozi ar'ingirakamaro. Ko namaze kubibona numva mbikunze. Mpitamo kubihindura umwuga wanjye naakora iwanjye.

Reero nkuuko bisanzwe biizwi nta muntu waagira ubutunzi bwiza adafite itaka. Kandi mu buryo bumwe nabwo nti waakoorora udafite urwuri (aho kuragirira). Ariko kandi, mur'iki gihe cya noone itaka n'ikintu gifite ikiguzi gihenze.

Kuko itaka rihenda cyane mu bihe bya noone, ubu ni ngombwa ko itaka rike tugifite twige kurikoreesha mu buryo ryatwungukira. Mbese tugahinga kandi tukoora mu buryo bwa kijyambere.

Niiba dushaaka guhinga tugomba guhinga imbuto z'indobaanure kandi zihuuza kweera neza n'itaka dufite; nyuma tukabona umusaaruuro mwiza. Mmaze kugera kur'ibyo, jye nahisemo guteera urutooke rwa kijyambere, rwera ibitooke binini cyane nka Kawanda na Shararugazi. Kubwo guhinga ubwo bwoko, mbona umusaaruuro uhaagijye mwinshi, kandi uvuuye ahantu hato. Ibyo reero ndabyishimira kuko bindinda gutungwa n'ibivuuze mu iguriro gusa. Kandi bituma igihe abo mu rugo babishaakiye babibona bigeze mu gihe gikwiriye ndetse tukungukamo n'amashilingi.

Kandi kongera guhitamo ubworozi, nabyo byatumye ngomba gushaaka itaka ryaateerwamo ubwatsi bwa kijyambere, bworora inka za kijyambere. Izo nka za kijyambere zigomba kuriira hamwe cyangwa se mu rugo. Kuzoorora reero bisaba ko ugomba kuba ufite amaazi meeza ahaagije yaazo, ukagira n'ibyo zinyweramo. Izo nka zigomba kugira aho zibona igicuucu kugira ngo zuugame izuuba n'imvura, kandi hagomba kuba hafite umwanya uhaagijye wo kugira ngo zinanuuriremo amaguru (zigendagenda). Iyo mirimo yoose iba igomba kugira ngo habeho abafasha (abakozi). Inyungu iva mu bworozi bumeze butyo, ni uko ubona amata menshi ya buri gihe ayo gutunga abaawe ndetse ukaguriisha n'abandi bayifuuza.

Maze mu bworozi twongeramo n'ihene. Izo hene hamwe n'inka s'izo kunywamo amata no kuguriisha gusa. Ahuubwo byombi hamwe biduha ifumbire ituma itaka ryacu rigira urwezo, maze ahantu hatu tukahakuura umusaaruuro uhaagije. Uko ni niko nasanze Ubuhinzi-Bworozi ari ingirakamaro. Nimutyo duhinge kandi tworore n'ubwo hariho n'indi mirimo twakora.

## **Uko Nashyatse Kuurira Ikirunga Nkiri Muto**

Murabiizi ko District yaacu ya Gisoro ikundwa n'Abakeera rugendo baba baazanywe no kureeba ingagi,kuurira ibirunga no kureeba ibigoma. Abatuurage babikunda na bo, har'ubwo babyifuza ngo bajyekureeba iyo myanya.

Ishuule ryacyu rya Seseme Primary,ryashaatse ko abaana baari heejuru y'imyaka cumi n'ebiyiri aribo bahaabwa umugisha wo kuurira ikirunga Muhabuura.

Icyo gihe Jye nari mfite imyaka icyenda n'igice y'ubukuru. Kubeera ko nari ntemerewe kujyayo, nihishe mu bandi baana ngo abigiisha batamvumbura bakambuza kujyayo. Abo kugenda boose baaraaye kw'Ishuule rya Kabindi Primary School kugira ngo bitaaza kubarushya isaaha yo kugenda ishyyitse.

Urugendo rwo kuurira ikirunga twarutangiyeye ku saaha cumi n'imwe z'urukeereera. Abambere b'imbaraga baageze ku mutwe w'ikirunga, bareeba inyanja iri mu kigoma cy'ikirunga. Baagezeyo nko ku masaawa ataanu y'igitondo.

Abandi baananiriwe hagati ntibaagerayo. Abandi baarimo jye n'abandi badashoboye, twananiwe ariho tumaze kuurira kilomita imwe, tuzaamuuka ikirunga.

Twakomeje twicyaye aho twananiwe; niho uwo kutuyobora yadusanze. Umuyobara waacyu yiitwaga Rauben Rwanzagire wa Gitenderi-Nyarusiza.

Mu kuurira ikirunga ku saaha cumi n'ebiyiri nta kwezi kwari kuriho. Haari hariho umwijima w'icura-burindi kandi inzira yo kuurira ikirunga yaranyereraga cyane kuko aho yanyuraga haari ku rutare runyeenya amaazi.

## **ICYAABAAYE ICY'UMUBABARO**

Nk'uko bivugwa ngo, "Ugenda wenyine abona wenyine"-haari umwana umwe wiitwaga James Kiroha wa Kibugu-

Muramba,yabonye iwaabo ari bugufi n’ikirunga ntiyaraara kw’ishuule n’abandi. Ahuubwo yaratorotse ajya kuraara iwaabo mu rugo. Mu kuva iwaabo nijoro asanga abandi boose baamaze kumusiga. Mu kubakurikira ayoba inzira, anyura ahatariho. Nuuko amaze kuuriraho nka kilomita ebyiri, asohorera ku nkwangu ndende cyane. Kubwo kutayireba, ashoorayo ukuguru kandi yiihuuta ngo afate abari baamusize.

Yahise anyerera, atembagara mu nkwangu asangayo ikibuye gifite ubuugi, kimucamo kabiri. Igihimba cy’amaguru gisigara iheeru naho igihimba cya ruguru cy’umutwe n’amaboko kiregera epfo.

Ibihimba byombi byaratandukanye ariko urura rwo ntirwaciitse ibice byombi byari biteegeranye. Niho nameneyeye ko urura rw’umuntu ari rureerure!

Ko haamaze gucya, niho byamenyekanye ko urugendo rw’abanyeshuule baari bari kuurira ikirunga rwabaaye rubi cyane. Umuhungu umwe wiitwaga James Kiroha yari yahirimye mu mukoki wa Nyabyiyone akaba yaapfuuye!

Ab’umuryango w’umugenzi Kiroha ntibaashoboye kuvaanayo umurambo. Haabaayeho guteereza Abatwa, kuko kuva keera niba baaturaga mu ‘manga z’ibirunga no mu ntare z’amabuye.

Abatwa baagerageje uko baashoboye bavaanayo bya bice by’umubiri w’umugenzi Kiroha; nuuko abo batwa baheembwa isekurume y’intaama bajya kuyirya. Atyo Kiroha arapfa, arahambwa, ake karashira. Mbeega ukuntu urwo rugendo r wabaaye rubi!

### **Imigani Y'amarenga Mu Rufumbira:**

1. Wiiringira ijosi rireerire rikazaakuviiramo umwingo.
2. Ak'imuhana kaaza imvura ihise.
3. Ubwiza bw'imbwa ntibuyibuza gusega.
4. Urebura intumva amara imijugujugu.
5. Ubwira uwumva ntaavunika.
6. Ubwenge burarahurwa.
7. Irimo ubusa ntiibura umujinya.
8. Uwo utaraaye nawe ntuumenya uko anuuka akanwa.
9. Uwiiba abundabunda abonwa n'uhagaze.
10. Kubita nyir'uruho nyir'umwenda yumvireho.
11. Uwo Imana yasiize umunyu ntaawe utamurigata.
12. Ufite umurwaza bwira arabye kabiri.
13. Umwana w'umwami akura vuba.
14. Imvura inyaagira ibyo isanze .
15. Inkono iteeka ntiibura ubukoko.
16. Inda izaaciika yoota izuuba riva.
17. Agahinda kaahuuye n'umwagitsi kati, "Uwiteeye umuruho ni uyu."
18. Inshuti si agasi.
19. Umusazi yabibye ibivuuzo ati,"Nzaahirwa bimeze."
20. Rwubake ubone ni umwana w'Umufumbira.
21. Ifuuni ibagarira Ubushuti ni akarenge.
22. Usanze nyina ashaaje, ati, "Daata yashaatse naabi.
23. Ukize baraaza.
24. Ujyana n'abasore ajyana ubwungo.
25. Umukeecuru asuriye abakwe, ati,"Baana banjye ibi bihe haabaaye ibyago."
26. Umugore anyereye mu mbuga n'uruho rw'ibivuuzo ati,"Uru rugo rusanze rwaraananiye.



